

TUMENYE BIBILIA
IKIGANIRO N0049

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y’Imana nabane nawe. Kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Mbere yuko ntangira ndashaka kugaruka gato ku ncamake y’ikiganiro cy’ubushize kugira ngo wowe utarabanye muri icyo kiganiro ubashe gusobanukirwa neza iki gice tugezemo cyo mu Itangiriro igice cya 41 kuko gisa cyane n’igice cya 40 twize mu kiganiro giheruka. Nihuse rero ubushize nakubwiye ko nyuma yaho muka Potifari abeshyeye Yosefu, akamurega ku mugabo we avuga ko uyu musore yashatse kumufata ku ngufu. Potifari yamushyize mu nzu y’imbohe. Nkwibute ko Yosefu yari umucakara cyangwa se umuretwa. Nta mahirwe yo gusohoka gereza vuba yari afite; kuko muri icyo umucakara nta gaciro yari afite. Ikindi kandi wibuke ko Yosefu yari mu gihugu kitari icy’iwabo. Nta muntu n’umwe wari umwitayeho. Ntawo kumugemurira yari afite, nta n’umuntu wo kumuburanira yari kubona. Mvuze ko yari kuzaguma muri gereza kugeza apfuye ntabwo naba mbeshye; amahirwe Yosefu yari afite ni uko yari umukiranutsi w’Imana, umusore w’uburanga ukiri muto, kandi wifitemo ubuhanga. Ibi byose byatumaga aho ageze hose agirirwa icyizere kuko Ijambo ry’Imana rivuga ko ukuboko kw’Imana kwabanaga na we aho yajyaga hose. Burya na sanze mu itsinda ry’abantu benshi iyo harimo umwe ukiri muto, usanga ari we ufite igikundiro kurusha abandi bose bagize iryo tsinda. Yohana yari umwe u bigishwa Yesu yakundaga cyane kuko yari muto muri ba bandi 11 bose babanye na Yesu. Wenda kugira ngo urusheho gusobanukirwa ibi ngibi reka mvuge kuri uru rugero gato. Igihe kimwe ubwo nigaga muri segonderi ngeze mu mwaka wa kabiri w’amashuri yisumbuye. Umwe mu barezi b’ikigo cyacu yariho ahitamo abanyeshuri bagomba guserukira ikigo cyacu mu karere cyari giherereyemo. Uwo muyobozi w’ikigo yagombaga kunyura muri buri shuri agatoranyamo umunyeshuri umwe ufite uburanga kurusha abandi. Ndibuka ko yinjije mu ishuri nigagamo ahagarara imbere yacu; maze aturanyanyamo amaso twese. Mu by’ukuri nta n’umwe wari uzi ikimuzanye kuko na mwarimu wariho yigisha byamusabye kuba ahagaritse gato. Nuko antunga urutoki aho nari nicaye arambwira ngo ni nsohoke. Mu by’ukuri nagize ubwoba kuko akenshi yasohoraga umunyeshuri muri ubwo buryo cyane cyane kubera ikibazo cya discipline. Ariko ngeze hanze mpasanga abandi banyeshuri yagiye atoranyamo muri buri shuri. Ni uko baradushorera

duserukira ikigo cyacu. Turiho dutaha nibwo naje kumenya impamvu yatumye uwo murezi w'ishuri yahisemo jyewe kurusha abandi banyeshuri bese twiganaga. Ntabwo ari uko nabarushaga uburanga ahubwo ni uko ari jye wari muto mu ishuri ryacu. Yosefu na we yari akiri muto twabonye ko yagurishijwe na bene se afite imyaka 17. Ntabwo batubwira imyaka yari afite ubwo yari muri gereza riko ndahamya neza ko yari atararenza imyaka 20. Iki rero ni kimwe mu byatumaga Yosefu arushaho gukundwa nubwo yari umucakara. Nuko Yosefu amaze gufungwa batubwira ko yaje guhuriramo n'imbohe z'ibwami. Abo nta bandi yari; umuvuzi w'imitsima n'umuhereza wa vino. Aba bombi bakoreraga umwami Farawo. Ijoro rimwe bazakuryama maze bararota. Bukeye mu gitondo bashaka uwabarotorera inzosi zabo, Yosefu ababwira ko Imana ibishoboye; nuko Imana ikorera muri Yosefu abarotorera inzosi zabo. Abwira umuhereza wa vino ko inzosi ze zahanuraga ko mu minsi 3 umwami azongera akamusubiza mu mirimo ye nka kera ariko umuvuzi w'imitsima akazicwa amanitswe n'umwami mu minsi 3. Ni ukuri uko Yosefu yabivuze niko byagenze. Ubwo yarotoreraga inzosi uyu muhereza wa vino, Yosefu yamusabye kuzamwibuka umunsi yafunguwe maze nawe akamwitura iyo neza yamugiriye. Nyamara siko byagenze kuko uyu muhereza wa vino amaze gufungurwa yibagiwe Yosefu akomeza kunezererwa akazi ke ko guhereza vino umwami Farawo. Ushobora gutekereza ko nta yandi mahirwe Yosefu yari kongera kubona yari gutuma asohoka muri gereza. Ariko ibidashobokera abana b'abantu ku Mana birashoboka. Kandi aho ubushobozi bw'umwana w'umuntu burangiriye ni ho ubushobozi bw'Imana butangirira.

Mu kiganiro cy'uyu munsi rero ndashaka kukubwira uburyo Imana idakora nk'abantu. Ni ukuri rwose Yosefu yamaze igihe kitari gito muri gereza, ariko harageze Imana irahamukura. Kandi irahamukura imwicazanya n'ibikomangoma. Ni ukuri rwose Yosefu yavuye muri gereza Farawo amuha kuba minister wa economie muri Egipta yose. Mu yari magambo Yosefu yahindutse umutware mukuru ushinze kugenzura iby'umutungo w'igihugu. Nyumvira na we ukuntu Imana yacu ikora ibikomeye. Erega ibyikora biraturenga ni yo mpamvu Dawidi yabuze uko abigenza, maze ashaka izina yayita arariheba, nuko aravugaga ngo Imana yacu ni Yaaaaaa. Ngo ntigira itangiriro ntigira n'iherezo. Haleluya!!

Iki gice cya 41 kigiye gufungura intego y'ubuzima bwa Yosefu muri Egipta. Bimwe tuza kubona muri iki gice harimo; ukuntu Yosefu yavuye mu nzu y'imbohe, uko Yosefu yasobanuye inzosi za Farawo, turabona kandi uburyo Yosefu yashyiriranwe na Asenati umukobwa wa

Oni, bakabyarana Efurayimu na Manase. Nshuti yanjye ndakubwiza ukuri ko nta kindi gice kiriyoshye nigeze kubona nk'iki ngiki. Muri iki gice cya 41 turabona imbuto za Mwuka Wera, zazanywe no kwizera kwa Yosefu. Turaza kubona impamvu Imana yateje inzara muri Egiputa. Byabayeho kuko Egiputa yari yuzuyemo ibyaha kandi bibaho kugira ngo umuryango wa bene se ba Yosefu uzabonane na we muri icyo gihugu. Imana yakuye umuryango wa Yakobo muri Kanani iwuzana gutura muri Egiputa I Gosheni. Ni cyo gituma tuzakomeza kubona ko hari ibintu byinshi bituma tuvuga ko Yosefu yahanuraga Yesu Kristo wagombaga kuzaza mu isi.

YOSEFU ASOBANURA INZOZI ZA FARAWO.

Wibuke ko igihe Yosefu yari kumwe n'umuhereza wa vino n'umuvuzi w'imitsima abarotorera inzosi; yabwiye umuhereza wa vino ngo azamwibue amuvugire kwa Farawo. Nyamara umuhereza wa vino ntiyigeze abikora. Ubu rero Imana irotesheje Farawo izindi nzosi.

Imyaka ibiri ishize Farawo arota ahagaze iruhande rw'uruzi. [Itang. 41:1].

Wibuke ko hari haciye imyaka ibiri dushingiye aho igice cya 40 cyarangiriye. Yosefu yari amaze imyaka myinshi mu nzu y'imbohe ategereje ko hari igishyashya kizabaho.

Mu ruzi havamo inka ndwi z'igikundiro zibyibushye, zirishiriza mu mifunzo, izindi nka z'umwaku zinanutse zirazikurikira, ziva mu ruzi zihagararana na zazindi ku nkombe y'uruzi. [Itang. 41:2-3].

Inzosi z'inka z'ubwoko butandukanye.

Za nka z'umwaku zinanutse zirya za zindi z'igikundiro zibyibushye uko ari ndwi. Farawo aribambura. [Itang. 41:4].

Farawo ashidukira hejuru yibaza ibyo yarose ibyo ari byo.

Arongera aribikira arota inzosi za kabiri, ngo amahundo arindwi ahunze meza, ameze ku giti kimwe,

maze andi mahundo arindwi y'iminambe yumishijwe n'umuyaga uva iburasrazuba, akurikiraho aramera,

ayo mahundo y'iminambe amira ya mahundo atsibaze ,uko ari arindwi. Farawo aribambura, amenya ko ari inzosi.

Mu gitondo ahagarika umutima, ahamagaza abakonikoni ba Egiputa nbose n’abanyabwenge baho bose. Farawo abarotorera inzosi ze, ntihagira ubasha kuzisobanurira Farawo. [Itang. 41:5-8].

Abakonikoni n’abanyabwenge barananiwe ,wa muhereza wa vino arabyuva hasigaye ko agira icyo avuga.

Maze umuhereza wa vino mukuru abwira Farawo ati “uyu muni ndakwibutsa ibyaha byanjye. [Itang. 41:9].

Wa muhereza abanza gusaba imbabazi kuko cyari nk’icyaha kuvuga muri ako kanya, ariko byari ugushaka kw’Imana. Yahise yibuka ko yasezeranije Yosefu kuzamuvugira kwa Farawo ntiyabikora. None igihe kirageze! Ati Hari ushobora kugusobanurira inzosi. Imana yacu naho yatinda ariko ntsihobora kwibagirwa umukiranutsi wayo. Iki ni icyo gihe Imana igiye kwibuka Yosefu mu nzu y’imbohe yari amazemo imyaka myinshi. Iki ni icyo gihe Imana igiye kukwibuka nshuti yanjye ukava muri icyo gitanda wari umazemo iminsi uryamye kubera uburwayi. Icyo ni cyo gihe Imana igiye kukwibuka nshuti yanjye ukumva wongeye kunezererwa umuryango wawe. Iki ni cyo gihe nshuti yanjye Imana igiye kukugirira neza mu kazi uriho ukora. Ni ukuri iki ni icyo gihe Imana igiye kukwibuka mu kibazo cyose wari umaze usengera. Igisubizo cy’Imana kiraje bidatinze!

Farawo yarakariye abagaragu be andindishiriza mu nzu y’umutware w’abamurinda, jye n’umuvuzi w’imitsima mukuru.

Turotera ijoro rimwe twembi, turota inzosi zisobanurwa ukubiri.

Twari kumwe n’umuhungu w’Umuheburayo, umugurano w’umutware w’abakurinda, tumurotorera inzosi zacu arazidusobanurira, asobanurira umuntu wese nk’uko inzosi ze ziri.

Kandi uko yazidusobanuriye ni ko byasohoye, Farawo yansubuje ubutware, wawundi aramumanika’’. [Itang. 41:10-13].

Farawo ati nimumuzane kuko abandi bananiwe; kandi inzosi zanjye zirakomeye.

Maze Farawo ahamagaza Yosefu, bamuhubura mu nzu y’imbohe, ariyogoshesha yambara indi myenda, yinjira aho Farawo ari. [Itang. 41:14].

Yosefu ariyogoshesha, yambara imyambaro mishya. Uku ni nko kuzuka, kuko Yosefu yari agiye gutangira ubundi buzima bushya. Iyi ni ishusho nziza ya Kristo ihishurirwa muri Yosefu!

Farawo abwira Yosefu ati; narose none nta wushobora kuzosobanura. Numvise bavuga yuko ubasha gusobanura inzozo bakurotoreye.” [Itang. 41:15].

Nshuti yanjye ndagira ngo wumve uburyo Yosefu yahaye Imana icyubahiro!

Yosefu asubiza Farawo ati ‘Si jye ni Imana ni yo iri busubize Farawo amagambo y’amahoro.’ [Itang. 41:16].

Kuri Yosefu Imana yagombaga guhabwa icyubahiro muri byose. Kandi niko twari dukwiye gukora, tugakora ibihesha Imana icyubahiro. Niba ibyo dukora ari umugisha; ni uko Imana iri mu ruhande rwacu. Yosefu ati; si jye ariko Imana irasobanurira Farawo amagambo y’amahoro. Farawo asubiriramo inzozo Yosefu, ni ubwo yarose inzozo ebyiri ariko zisobanura kimwe zose. Ikimbabaza ni uko muri iki gihe hari abo Imana igirira neza ikabaha impano zo gusengera abarwayi bagakira hanyuma ukumva umupasiteri ariho aratumira abantu ati; muzaze ku rusengero rwanjye; nsengera abarwayi bagakira. Wowe uri nde ukiza abarwayi? Ese wabakiza kandi na we malariya ijya ikubasha!! Ntawundi ukiza indwara, ntawundi urotora inzozo, uretse Imana yonyine kandi ntikoreshwa n’amabo y’abantu nta n’ubwo ikorera ku marangamutima yacu. Ikora uko ishatse ariko uyubaha na Yo iramwemera. Yosefu yubashye Imana. Umva ntiyavuze nk’aba bakozi b’Imana ba kino gihe bafata imirimo y’Imana bakayiyitirira; ahubwo yavuze ngo Imana yonyine ni Yo iribubashe kukurotorera inzozo.

Yosefu abwira Farawo ati “inzozo za Farawo ni zimwe “ibyo Imana igiye gukora yabibwiye Farawo [Itang. 41:25].

Yosefu ati inzozo ni zimwe. Ati hari impamvu Imana yahaye Farawo kurota kabiri.

Za nka ndwi nziza ni imyaka irindwi, na ya mahundo meza ni imyaka irindwi. Inzozo ni zimwe,

na za nka zinanutse z’umwaku zazikurikiye ni imyaka irindwi, na ya mahundo arindwi y’imishishi yumishijwe n’umuyaga uva iburasirazuba nayo ni imyaka irindwi, izaba imyaka irindwi y’inzara.

Icyo nicyo nabwiye Farawo nti ‘ibyo Imana igiye gukora yabibwiye Farawo’.

Hazaza imyaka irindwi y’uburumbuke mu gihugu cya Egiputa cyose ,

Hanyuma hazakurikiraho imyaka irindwi y’inzara, ubwo burumbuke bwose bwibagirane mu gihugu cya Egiputa. Inzara izamara igihugu. Uburumbuke bwe kwibukwa kubw’inzara ikurikiye, kuko izaba nyishi cyane, [Itang. 41:26-31].

Ubu ni ubuhanuzi nk’uko ubibona.

Kandi icyatumye izo nzozi zibonekera Farawo kabiri, ni uko ibyo byakomejwe n’Imana kandi izabisohozza vuba. [Itang. 41:32].

Iyi nzara yateguwe n’Imana kandi irashaka ko Farawo abimenya. Ubu rero Yosefu ari kugaragaza ukuri imbere y’umwami Farawo.

Nuko Farawo nashake umuntu w’umunyabwenge w’umuhanga, amuhe ubutware bw’igihugu cya Egiputa.

Farawo ashyireho abahunikisha, ahunikishe kimwe cya gatanu cy’ubutaka bwa Egiputa mu myaka y’uburumbuke, uko ari irindwi.

Bateranye ibihunikwa by’iyo myaka myiza igiye gutaha, bahunike mu midugudu imyaka y’impeke izatunga abantu, itegekwe na Farawo bayirinde.

kandi ibyo bihunika bizabera igihugu ibibikiwe imyaka irindwi y’inzara izatera mu gihugu cya Egiputa, igihugu cye kumarwa n’inzara.” Iyo nama inezeza Farawo n’abagaragu be bose. [Itang. 41:33-37].

Yosefu yabagiriye inama nziza, yo kubika ibihwanye n’imyaka irindwi.

Farawo abaza abagaragu be ati “Tuzabona hehe umuntu umeze nk’uyu, urimwo umwuka w’Imana?

Farawo abwira Yosefu ati ‘kuko Imana ikweretse ibyo byose nta wundi munyabwenge w’umuhanga muhwanye,

Nguhaye gutwara urugo rwanjye kandi abantu banjye bose bazumvire icyo utegetse, ku ntebe yanjye y'ubwami yonyine, nzagusumba.” Farawo abwira Yosefu ati “Dore nkweguriye igihugu cya Egiputa cyose [Itang. 41:38].

Nyumvira na we ukuntu Imana igira neza. Yosefu yashyizwe mu nzu y'imbohe maze aribagirana. Ariko muri kano kanya, yavuye muri gereza. Farawo ari kumwitegereza akabona n'umusore w'umunyabwenge, kuko yamusobanuriye inzosi, akamugira n'inama yuko bakora ngo brwanye iyo nzara yari igiye gutera muri Egiputa. Ni nde ushobora kuba mwiza nka Yosefu muri iki gihe? Urabo ko Imana yanyujije Yosefu mu rugo rwa Potifari kugira ngo ibanze imutoze. Kuko nyuma yo gutozwa neza ibijyanye no kurinda urugo rw'umutware w'ingabo za Faraawo. Yosefu agiye kurinda noneho urugo rukomeye muri Egiputa yose. Urwo nta rundi ni urugo rwa Farawo. Yavuye mu nzu y'imbohe ahita afata intebe ya kabiri kuri Farawo.

Farawo yiyambura impeta iriho ikimenyetso yo ku rutoki rwe, ayambika Yosefu ku rutoki, amwambika imyenda y'ibitare byiza, amwambika n'umukufi w'izahabu mwiza mu ijosi, [Itang. 41:42].

Iyo mpeta yari ifite ikimenyetso nk'icya Farawo, ubu Yosefu ahawe ububasha bwo gukora nk'umwami. Afite uburenganzira bwose bwo gukora icyo ashatse mu gihugu cy'amahanga. Kera mu gihe cy'abami; iyo umwami yaheerezaga umuntu impeta cyangwa inkoni bisobanura ko yabaga amuhaye ububasha kandi ubihawe akubahwa cyane. Icyo yavugaga cyose cyagombaga gushyirwa mu bikorwa. Ni ukuri Imana ni igitangaza, ndebera nawe ukuntu yibutse Yosefu mu gihe atatekerezaga, maze ikumukorera ibintu bikomeye; ikamugira umutware ukomeye hanyuma ya Farawo muri Egiputa yose. Bibiliya itubwira ko yabaye uwa kabiri mu batu bubashywe cyane muri Egiputa yose. Ndahamya neza ntashidikanya ko Yosefu yaje gutegeka na Potifari wahoze ari shebuja we mbere.

Amugendeshereza mu igare rikurikira irye bakajya bamurangana bati “Nimumupfukamire!” nuko amwegurira igihugu cya Egiputa cyose.

Farawo abwira Yosefu ati “Jye Farawo ndahiriye ko nta wuzunamura ukuboko, nta wuzashingura ikirenge, mu gihugu cya Egiputa cyose utabyemeye.”

Farawo ahimba Yosefu Safunatipaneya, amushyingira Asenati mwene Potifera, umutambyi wo mu mudugudu wa Oni. Yosefu atambagira igihugu cya Egiputa. [Itang. 41:43-45].

Iryo ni izina risobanura ngo ‘Umuhanuzi w’ibihishwe’

Gusoza

Hari ijambo rivuga ko Imana ijya ihindura abantu boroheje cyane hanyuma y’abandi ikabagira abakomeye ikabicaanya n’ibikomangoma. Ni ukuri ibi niko byabaye kuri Yosefu neza rwose. Reka dusubire inyuma gato turebe Yosefu umwanya yari afite haba mu muryango we no mu mu gihugu cya Egiputa. Mu biganiriro bya mbere, twabonye ko Yosefu yari umuhungu wa kabiri wa Rasheli kandi akaba ari we wari muto muri bene se bose uko ari icumu, ukuyemo Benyamini murumuna we. Mu muryango wabo ntawashoboraga gutekereza ko yaba umwami cyangwa undi muntu ukomeye; kuko se wabo Yakobo yari umuntu usanzwe wabaye umuja wa Labani igihe kitari gito. Urumva rero no bahungu be nta n’umwe wari gutekereza kuzaba umutware. Nyamara nkubwize ukuri muri aba bahungu ba Yakobo 12 havuyemo imiryango ikomeye y’abami ba Israheli ndetse tubona ko n’Umwami wacu utwara abami bose Yesu Kristo, yavutse muri umwe muri iyo miryango y’abahungu ba Yakobo nk’uko tuzabibona hanyuma. Uribuka ko Yosefu yigeze kurota ibintu nk’ibi akiri mu rugo kwa se. Igihe yarotaga akabona ahindutse umutware wo mu muryango wabo wose. Ese koko twavugaga ko izi nzozi zari zisohoye. Yego uvuze gutyo ntabwo waba ubeshye. Yosefu akimara kugurishwa na bene se mu gihugu cya Egiputa, yahageze ari umucakara, cyangwa umuretwa. Kera ntibyashobokaga ko umucakara ahabwa ijambo I mahanga ariko nyumvira nawe ukuntu Imana ari igitangaza. Yosefu akigera kwa Potifari, uyu mutware w’ingabo za Farawo yabonye ko kuri Yosefu Imana yamusize amavuta yo kuba umutware. Maze Potifari ntiyazuyaza ati; nkugize umurinzi w’ubutunzi buri murugo rwanjye byose. Muka Potifari amaze gufungisha Yose umurinzi w’inzu y’imbohe na we yarabibonye asobanukirwa neza ko ukuboko ku Uwitwaga kuri kuri Yosefu nawe ati; nkugize umuyobozi w’izindi mbohe zose. Farawo se se ni we wari guhangara kuzimya ayo mavuta y’Imana yari ku muhungu wayo Yesu. Reka da!! Umwami wa Egiputa na we ntiyazuyaje nshuti yanjye; yitegereje ako gahungu abona ko gakwiye kubahwa cyane muri Egiputa yose. Mu bayobozi bose bo muri Egiputa nta n’umwe warutaga Yosefu keretse umwami Farawo wenyine. Nyumvira na we ukuntu Imana ikora bitandukanye n’abana b’abantu.

Nshuti yanjye birashoboka ko na we waba uri mu bigeragezo byinshi urabona kubisohokamo bitoroshye ariko ndagira ngo nkubwire ko Imana igiye guseruka. Iraje ngo igutabare maze bariho baguseka bakwifuriza inabi muri ka kazi wakoraga, babone uzamuwe bibatungure. Birashoboka ko nta jambo wari ugifite mu muryango cyangwa muri quartier kuko umaze igihe uri umushomeri hanyuma y'abandi. Imana irakwibutse. Ubuzima bwawe bwose ushobora kuba wari hebye igihe kitari gito; ukanyura mu bibazo bikomeye cyane. Imana igiye kubitunganya byose maze igucire inzara mu izina rya Yesu. Yosefu yanyuze muri byinshi nka we none igihe kirageze ngo mwembi Imana ibibuke.

Isengesho

Mwami Yesu ndasengera buri muntu wese wumvise iki kiganiro gushikama yizere wowe wenyine Imana ishobora byose ihindura ibikomeye ikabigira ibyoroshye. Reba uyu muhungu ari kunyura mu bibazo bimukomereye, uyu mukobwa arumva yihebye cyane, uyu mugabo nta gisinzira kubera ibibazo byinshi by'ubuzima. Uyu mugore na we afite intimba ku mutima kuko aremerewe n'ibigeragezo byinshi. Ndagusabye Uwiteka ngo uce inzira maze amasezerano wavuze kuri bo asohore. Reka iri ribe itangiriro cyo gusingira intego y'ubuzima bwabo. Mu izina ry'Umwami Yesu Kristo. Amen

Nshuti yanjye ndagushimiye cyane kuko wabanye na njye uyu munsu. Ese ntiwaba uri kwibaza ibibazo nk'ibyo ndikwibaza na njye. Yosefu byamugendekeye gute nyuma yo kuba umutware wa Egiputa? Ese inzara yagombaga gutera muri icyo gihugu yateye koko? Ni ukuri haracyari byinshi biteye amatsiko ku buzima bwa Yosefu. Ntibirarangira, ahubwo biracyaza kandi ubuzima bwa Yosefu burimo amasomo menshi yo kutwigisha. Ngaho ntuzacikwe n'ikiganiro cy'ubutaha nzakubwira byinshi kuri ibyo bibazo byose uriho wibaza.

Amahoro n'umugisha biva ku Mana Data n'Umwana wayo Yesu Kristo n'Umwuka Wera bibane na we